REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

ITANGAZO

AMATORA YO KU RWEGO RW'AKAGALI, TARIKI 30/10/2021

Komisiyo iributsa ko ku wa **Gatandatu tariki 30/10/2021** hazaba amatora akurikira:

1. **Amatora y'Abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu ku rwego rw'Akagari**
   Abagize Komite Nyobozi y'Abagore n'iy'Urubyiruko batorwa n'abagize Komite z'izo Nama mu Midugudu igize Akagari kandi ni nabo bavamo abakandida.
   Abagize Komite Nyobozi y'Abantu bafite ubumuga batorwa n'abantu bafite ubumuga bose mu Kagari bafite kuva ku myaka 18 y'amavuko n'ababyeyi cyangwa abishingizi b'abana bafite ubumuga bwo mu mutwe, bemerewe gutora. Abakandida bava muri iyo nteko itora.
2. **Amatora y'Abajyanama ku Kagari baturuka mu byiciro byihariye**.
   Uhagarariye abayobozi b'Ibigo by'amashuri y'incuke, Uhagarariye abarimu b'amashuri abanza n'Uhagarariye abikorera. Batorwa n'abagize buri cyiciro.
3. **Amatora y'abagore bangana na 30% bajya muri Njyanama y'Akagari**
   Batorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ya buri Mudugudu ugize Akagari hiyongereyeho n'abayigize ku Kagari. Abakandida baturuka mu bagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Midugudu igize Akagari.
4. **Amatora ya Biro y'Inama Njyanama y'Akagari**.
   Itorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akagari ari nabo bitoramo.
5. **Amatora y'Umujyanama Rusange uhagarariye Akagari muri Njyanama y'Umurenge**.
   Atorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akagari hiyongereyeho Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu zo muri ako Kagari uko ari eshatu (3). Abakandida baturuka mu bagize Inama Njyanama y'Akagari.

Icyitonderwa:

1) Amatora yose azakorwa mu ibanga abatora bandika, uretse aya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga, azakorwa abatora bajya ku murongo inyuma y'abakandida.
2) Aho amatora atazabasha gukorwa ku wa Gatandatu tariki 30/10/2021 kubera impamvu zitandukanye azakorwa bukeye, ku Cyumweru tariki 31/10/2024.

DUTORE NEZA! DUTORE INGIRAKAMARO!

Bikorewe i Kigali, kuwa 26 /10 /2021

Digitally signed by NEC(Chairman)

Prof. KALISA MBANDA
Perezida wa Komisiyo y 'Igihugu y'Amatora